

Gahunda y'Ubufasha bw'Abadafite Akazi Bitewe n'Icyorezo (PUA) yatangijwe tariki ya 1 Gicurasi.

Gahunda ya PUA ni gahunda nshya ya leta y'Amerika ifasha abikorera n'abandi benshi ubusanzwe batemerewe kujya muri gahunda isanzwe ifasha abadafite akazi, harimo: abahinzi, abarobyi, n'abafite amasezerano y'akazi bigenga, abakozi bakorera imiryango itegamiye kuri leta batafashwaga mbere, abakozi batakoze igihe kinini cyangwa batinjiza umutungo uhagije wabemerera kujya muri gahunda isanzwe ifasha abadafite akazi n'abandi bake bagaragajwe ko batemerewe kujya muri gahunda isanzwe igenera ubufasha abadafite akazi. Izarangira ku itariki ya 31 Ukuboza 2020.

Ibibazo bikunda kubazwa

GAHUNDA Y'UBUFASHA BW'ABADAFITE AKAZI BITEWE N'ICYOREZO (PUA)

1. Hari ubundi busabe butangwa muri PUA?

Oya. Buri wese akoresha ubusabe bumwe bwa ReEmployME. Ubusabe bwarahinduwe ku buryo butanga ibisubizo bitandukanye hashingiwe ku bibazo, urugero nk'abikorera.

2. Byagenda bite nsanzwe mfite konti y'umukoresha muri ReEmployME?

Ugomba gufungura konti nshya y'"usaba ubufasha", iboneka ku ruhande rw'ibumoso bwa mudasobwa yo kwinjira kuri ReEmployME. Ntabwo ukeneye EAN kugira ngo ufunguze konti y'usaba ubufasha cyangwa gutanga dosiye.

3. Ni gute ntanga dosiye yo gusaba ibyo abadafite akazi bagenerwa hakurikijwe iyi gahunda nshya?

- A. Niba waramaze gusaba ibyo ugenerwa ariko ntubihabwe bitewe n'uko udakorera amafaranga ahagije, **si NGOMBWA kongera gusaba**. Dosiye yawe yo gusaba ubufasha iri muri sisitemu kandi izahita yoherezwa muri PUA. Komeza gutanga icyemezo ko udafite akazi buri cyumweru.
- B. Niba wikorera, ukaba waratanze dosiye usaba gufashwa mbere y'ishyirwaho rya PUA maze ugahakanirwa, si ngombwa ko wongera gutanga dosiye wari waratanze muri PUA, uzinjizwa muri PUA ariko ugomba gutanga dosiye buri cyumweru muri PUA. Niba hari dosiye itangwa buri cyumweru utatanze, bizagaragazwa mu cyemezo cy'amafaranga ufatirwa muri gahunda ya PUA maze usabwe gutanga izo dosiye. Sisitemu ikwemerera gutanga buri cyumweru dosiye utatanze.
- C. Niba wikorera ariko ukaba utaratanga dosiye, sura www.maine.gov/unemployment maze **wuzuze ifishi yo gusabiraho ubufasha yabugenewe ya PUA**. Nyuma yaho tanga buri cyumweru icyemezo cyo gusaba ubufasha cya buri cyumweru .
- D. Niba **UTIKORERA** kandi ukaba utarigeze utanga dosiye hakurikijwe gahunda iyo ari yo yose yo gufasha abadafite akazi, ugomba kubanza gutanga dosiye y'abafite akazi ku buryo buhoraho mbere yo gusuzuma ko ubyemerewe. Iyo bigaragaye ko utabyemerewe, dosiye yawe ihita ijya muri dosiye za PUA. Sura www.maine.gov/unemployment maze **utange ubusabe bwo kujya muri gahunda yo gufashwa na leta ku badafite akazi isanzwe**.

4. Nzahabwa ibyo ngenerwa vuba?

Niba dosiye yawe yo muri PUA idasaba gusuzumwa birenze na gahunda yo gufasha abadafite akazi, ugomba gutangira guhabwa ibyo ugenerwa mu minsi irindwi cyangwa itagezeho umaze gutanga dosiye bwa mbere.

5. Nzahabwa amafaranga angahe?

Ibigenwa na PUA bitangirira kuri 50% by'impuzandengo y'ibitangwa muri gahunda ya leta yo gufasha abadafite akazi itanga buri cyumweru ku bikorera ndetse n'abatujuje amafaranga asabwa kugira ngo bemerewe kujya muri gahunda yo gufasha abadafite akazi isanzwe. Ni amadorali 172 buri cyumweru. Niba wikorera, igihe dushobora kugenzura inyandiko z'amafaranga ukorera, ibigenwa na PUA biratunganywa, hakurikijwe igihe icyorezo cyatangiriye. Umubare ntarengwa w'ibigenwa bitangwa muri gahunda ya PUA ni amadorali 445 buri cyumweru.

Byongeye kandi, umuntu wese ufite ibyo agenerwa na gahunda ya PUA anahabwa amadorali yose 600 yiyongera ku byo agenerwa buri cyumweru, akaba atangwa na Gahunda ya Leta y'Amerika Ifasha Abadafite Akazi Bitewe n'Icyorezo (FPUC) iboneka ku madosiye yatanze kugeza mu cyumweru kizarangira ku itariki ya 25 Nyakanga 2020.

NI IKI UKWIYE KWITEGA

6. Kuki konti yange imbwire ngo "imishahara idahagije?" Kuki nakiriye ibaruwa muri imeyiri ivuga ko umubare w'inkunga y'ingoboka igenerwa abatagikora mfite ari "0"?

Niba waratanze ubusabe muri gahunda ya PUA uhaye igihe yatangiye ku wa 1 Gicurasi, konti yawe ishobora kukubwira ko ufite "imishahara idahagije" cyangwa ukaba warakiriye ibaruwa ikubwira ko umubare w'inkunga y'ingoboka igenerwa abatagikora ufite ari "0". Izi nyandiko NTABWO zisobanura ko nta nkunga y'ingoboka igenerwa abatagikora itangwa muri gahunda ya PUA uzahabwa! Ubutumwa n'ibaruwa bigaragaza ko sisitemu igenewe abatagikora iri gusuzuma niba koko utemerewe guhabwa inkunga y'ingoboka igenerwa abatagikora muri gahunda isanzwe ya leta igihe ikwimurira muri gahunda ya PUA. (Ishami ribishinzwe risabwa na leta kureba neza niba abatanze ubusabe batujuje ibisabwa kugira ngo bahabwe inkunga y'ingoboka igenerwa abatagikora mbere y'uko hatangwa inkunga y'ingoboka igenerwa abatagikora itangwa muri gahunda ya PUA. Ibaruwa wakiriye muri imeyiri ni imwe mu nzira zikurikizwa). Ongera urebe muri konti yawe hagati y'amasaha 24 na 48; ubutumwa bumenyeshya bushobora kuba bwavuyeho, hanyuma ubusabe bwawe bukaba bwemejwe bidasubirwaho muri gahunda ya PUA. Kubera ikibazo cy'ubwinshi bw'abakoresha uruguba, amasaha y'umugoroba ni cyo gihe kiza cyo kureba kuri konti yawe. Mu gihe kitarenze iminsi irindwi uhaye igihe wasabiye, nibwo hazafatwa ikemezo ku bijyanye n'inkunga y'ingoboka igenerwa abatagikora muri gahunda ya PUA maze nyuma y'aho ibyumweru wemerewe bizage bihita byishyurirwa. Guhera icyo gihe, ujye ukomeza gutanga amamenyekanisha yawe ya buri cyumweru.

7. Niba nikorera, nasubiza ikibazo cya 4 nte?

Niba wikorera kandi ukaba nta mushahara uhabwa n'umukoresha mu mwaka wa 2019 cyangwa 2020, ugomba guhitamo "OYA" ku kibazo cya 4. WIHITAMO leta ku kibazo cya 5. Gukuraho leta wahisemo, kanda inshuro ebyiri ku yo wahisemo kugira ngo uyikureho.

8. Igihe nikorera ku giti cyange kandi nkaba ntanga ubusabe bwa buri cyumweru mu rwego rwa Gahunda y'Inkunga y'Ingoboka Igenerwa Abatagikora kubera icyorezo (PUA), ni gute

ngaragaza amafaranga ninjiza?

Mu busabe butangwa buri cyumweru mu rwego rwa Gahunda ya PUA, ugomba kugaragaza amafaranga winjiza mu cyiciro cya "odd jobs" (akandi kazi kihariye). Aya mafaranga winjiza agomba kugaragazwa ari **imbumbe**. Ugomba kubika inyandiko zigaragaza ayo mafaranga akoreshwa.

9. Kuki igikorwa nakoraga ku rubuga cyahagaze mu gihe natangaga ubusabe bwange?

Ku mpamvu z'umutekano, urubuga rufunga konti yawe igihe imaze iminota icumi utari kuyikoresha. Habura iminota ibiri ngo urubuga rufunge konti yawe, haza agasanduku karimo ubutumwa bukuburira, buguha uburyo bwo guhitamo "gukomeza gukora." Igikorwa wakoraga ku rubuga nigihagarikwa, amakuru uba wamaze gutanga arabikwa kugira ngo uyakomerezeho igihe wongeye kwinjira ku rubuga.

10. Konti yanjye ivuga ko nahagaritse gutanga dosiye yanjye. Nakora iki?

Niba ufite ibyemezo bitangwa buri cyumweru bigera kuri bitatu cyangwa birenze ukaba utarabitanga, ubushobozi bwawe bwo kubitanga burahagarikwa. Kubera iyo mpamvu, ugomba gutanga icyemezo gitangwa mu cyumweru buri cyumweru, kandi uvuge umushahara uhembwa wakoreye mu cyumweru gishize. Kugira ngo buri wese akomeze kugendana n'abandi, ishami rikora ku buryo hatangwa ibyemezo by'ibyumweru bitatanzwe mu gutanga dosiye. Ujye ugenzura konti yawe kugira ngo igihe bishoboka utange dosiye z'icyumweru zibura.

UBWISHINGIZI

11. Abakorera ku mbuga, abikorera n'abafite amasezerano bikorera barishingirwa?

Yego. Abantu bikorera bemerewe gusaba ibigenerwa abadafite akazi muri PUA.

12. Byagenda bite mfite COVID-19 cyangwa nkeneye kwita ku wo mu muryango wanjye uyifite?

Niba warabonye ibisubizo bya COVID-19, ukaba ufite ibimenyetso cyangwa ushaka kwipimisha, kandi ukaba nta kazi ufite cyangwa udashobora gukora bitewe n'iyi mpamvu, uba wishingiwe na gahunda ya PUA. Ni na ko bigenda iyo ugomba kwita ku wo mu muryango wawe cyangwa uwo mubana wapimwe.

13. Byagenda bite ishuri umwana wanjye yigaho cyangwa aho arererwa bifunze?

Niba ugendera ku ishuri, aho umwana arererwa cyangwa ikindi kigo cyita ku mwana wawe, ababyeyi bageze mu za bukuru cyangwa undi mubana kugira ngo ubashe gukora- kandi icyo kigo kikaba cyarafunzwe bitewe n'ingaruka zitaziguye z'icyorezo cya COVID-19, wemerewe gusaba ubwishingizi bwo gufasha abadafite akazi hakurikijwe gahunda ya PUA.

14. Byagenda bite ngiriwe inama n'utanga serivisi z'ubuvuzi zo kwishyira mu kato kubera ko nshobora kuba narahuye na COVID-19? Naho se amabwiriza yo kuguma mu rugo yo ameze ate?

Abantu bagomba kwishyira mu kato n'abantu badashobora kujya ku kazi kubera kujya mu kato baremerewe, igihe cyose gukora akazi hakoreshejwe iyakure bidashoboka.

15. Nari ndi hafi gutangira akazi gashya none ubu ntibigishobotse bitewe n'icyorezo cya COVID-19.

Wemerewe ibigenwa na PUA. Usabwa inyandiko zigaragaza ko wahawe akazi. Unishingirwa

igihe wahise wirukanwa ku kazi gashya kandi ukaba udafite ahantu henshi wakoze ku buryo wakwemererwa guhabwa ibigenwa na gahunda mu buryo busanzwe.

16. Byabaye ngombwa ko mva ku kazi nk'ingaruka zitaziguye za COVID-19. Nemerewe gusaba ibigenwa na gahunda?

Birashaboka. Iyo umukoresha wawe atigeze akwirukana ariko bikaba byarabaye ngombwa ko ujya mu kato gategetswe n'utanga serivisi z'ubuvuzi, cyangwa aho umwana wawe arererwa hakaba harafunzwe ukaba ari wowe umwitaho bwa mbere, uhabwa ibigenerwa abadafite akazi muri PUA. Ariko, PUA ntiyagenewe kwishingira abatanga dosiye bashobora kuva ku kazi (cyangwa bifuzwa kuva ku kazi) kubera impungenge zo gukomeza akazi byabashyira mu byago byo kwandura COVID-19.

17. Ukora akazi mu rwego rwo gutunga urugo yishwe na COVID-19. Ni we nakuragaho amafaranga kuko nyje ntakora. Na byo birishingirwa?

Yego. Niba amafaranga y'umuntu umwe ari yo yatungaga umuryango, akaba yarishwe na COVID-19, uwo babana yemerewe guhabwa ibigenwa na PUA.

18. Ni nde utishingirwa na PUA?

PUA ntihabwa abantu: bashobora gukora hifashishijwe iyakure cyangwa bagakorera mu rugo; bahabwa ikiruhuko cy'uburwayi cyangwa cy'umuryango cyishyurwa; abakiza mu ruhando rw'akazi batari babona akazi baba bemerewe guhabwa ibigenerwa abadafite akazi bisanzwe bitangwa na leta.

19. Mfite umuntu wo mu muryango ufite ibyago byo guhita yandura igihe yaba aramutse agize aho ahurira na koronavirusi. Biragoye kuba najya ku kazi kange nk'uko bisanzwe maze nkanirinda kumwegera kugira ngo ntaba namwanduza. Bityo rero uha serivisi z'ubuvuzi uwo muntu wo mu muryango wange yangiriye inama yo kuguma mu rugo. Ese icyo gihe nshobora guhabwa inkunga y'ingoboka itangwa mu rwego rwa Gahunda ya PUA?

Uba wemererwe guhabwa inkunga y'ingoboka itangwa mu rwego rwa PUA iyo mu busabe bwawe ugaragaje ko utanga serivisi z'ubuvuzi yakugiriye inama yo kwishyira mu kato kandi ukirinda kujya ku kazi kubera impungenge zijyanye na COVID-19 harimo no kuba bikozwe mu rwego rwo kwirinda ibyago byo kuba wakwanduza iyi virusi uwo mubana mu rugo.

20. Byagenda bite igihe ntinya kujya ku kazi kuko nshobora kwandura Koronavirusi maze nkarwara?

Biterwa n'impamvu. Niba utajya ku kazi kubera ubwoba rusange bwo kwandura COVID-19, ariko ukaba utujuje impamvu zose zo kutajya ku kazi kubera COVID-19, ntabwo uzemererwa gushyirwa muri gahunda ya PUA. **Ariko** niba ufite ubwoba bufite ishingiro bwo kujya ku kazi (kubera ko aho ukorera hatubarije amabwiriza ya CDC agenga umutekano w'abantu mu kwirinda COVID-19 aho bakorera cyangwa andi mategeko n'amabwiriza byatanze n'ubuyobozi bw'igihugu, leta, akarere, bityo ukaba ufite impamvu ushingiraho uvuga ko waba ufite ibyago byo guhurira n'abanduye cyangwa kwandurira ku kazi) ushobora kwemererwa kujya muri gahunda ya PUA.

21. Biragenda bite ubu niba inkunga y'ingoboka igenerwa abatagikora mpabwa yarangiye? Igisubizo: Guhera ku cyumweru kizatangira tariki ya 18 Gicurasi, abantu bamaze inkunga

y'ingoboka igenerwa abadafite akazi bahabwaga na Leta yabo bazongererwaho ibindi byumweru byo guhabwa inkunga y'ingoboka kandi harebwe n'izo bagombaga guhabwa mbere batari bahawe. Umuntu wese uzarangiza umwaka yagenerwagamo inkunga y'ingoboka tariki ya 1 Nyakanga 2019 cyangwa nyuma yaho kandi akaba acyujuje ibisabwa azongererwaho ibyo byumweru bindi. Hazatangwa inkunga y'ingoboka wagombaga guhabwa mbere utari wahawe uherye ku cyumweru kirangirana na tariki ya 21 Werurwe 2020 cyangwa icyumweru gikurikira icyo warangijeho inkunga y'ingoboka itangwa na Leta ubamo, hazarebwa igiheruka muri byombi. Amamenyekanisha ya buri cyumweru agomba gutangwa muri ibyo byumweru byose kugira ngo iyo nkunga y'ingoboka ibone gutangwa. Niba utarigeze utanga imenyekanisha mu cyumweru kirangirana na tariki ya 21 Werurwe cyangwa nyuma yaho, injira muri konti ya ReEmployME yawe kugira ngo utange ayo mamenyekanisha. Umuntu wese wujuje ibisabwa kandi akaba yaramaze inkunga y'ingoboka agenerwa na Leta abamo azahabwa inkunga itangwa mu rwego rwa Gahunda y'Inkunga y'Ingoboka Igenerwa Abatagikora kubera Icyorezo (PUA) mu byumweru bizarangirana na tariki ya 21 Werurwe na 28 Werurwe. Guhera mu cyumweru kirangirana na tariki ya 4 Mata na nyuma yaho, ni bwo Gahunda y'Inkunga y'Ingoboka y'Inyongera Igenerwa Abatagikora Bagezweho n'Ingaruka z'Icyorezo (PEUC) izatangira. Guhera mu cyumweru kizarangirana na tariki ya 4 Mata kugeza tariki ya 25 Nyakanga 2020, hazaba hanatangwa andi madolari 600 y'inyongera buri cyumweru mu rwego rwa Gahunda y'Inkunga y'Ingoboka Igenerwa Abatagikora mu Gihugu kubera Icyorezo.

- 22. Ndi umunyeshuri mu ishuri ryisumbuye kandi mfite akazi nkora amasaha make, ese nshobora gusaba kandi nkemererwa inkunga y'ingoboka igenerwa abatagikora?** Yego, abakozi barimo n'abato batarageza ku myaka 18 y'ubukure bahembwa imishahara (harimo n'abakora amasaha make) mu kazi gafite ubwishingizi hanyuma bakaza gutakaza akazi bashobora gusaba guhabwa inkunga y'ingoboka igenerwa abatagikora. Ushobora kwemererwa inkunga y'ingoboka igenerwa abatagikora hashingiwe kuri gahunda isanzwe ya leta yo guha inkunga y'ingoboka abatagikora igihe ufite imishahara ihagije kandi yujuje ibisabwa mu rwego rw'ingano y'amafaranga ndetse n'ibindi byose bisabwa (urugero: guhagarika akazi byemewe, kuba ushobora gukora no kuba waboneka ku kazi n'ibindi). Ushobora kandi kwemererwa kujya uhabwa amadorari 600 y'inyongera ku cyumweru atangwa na leta.

Niba utujuje ibisabwa na gahunda isanzwe ya leta yo guha inkunga y'ingoboka abatagikora kubera ko udafite imishahara yujuje umubare usabwa kandi ukaba waragizweho ingaruka na COVID-19 mu buryo buziguze, ushobora kwemererwa inkunga y'ingoboka igenerwa abatagikora hashingiwe kuri gahunda ya leta yo gutanga ubufasha mu gihe k'icyorezo (PUA), hatitawe ku myaka y'ubukure cyangwa kuba uri umunyeshuri. Urugero, umunyeshuri wiga ku manywa akaba afite akazi akora amasaha make mu cyumweru maze akaza kugatakaza, kugatakaza mu buryo butuzuye cyangwa akaba adashoboye gukora cyangwa ataboneka ku kazi bitewe n'ingaruka nyirizina za COVID-19 yakwemererwa inkunga y'ingoboka igenerwa abatagikora hashingiwe kuri gahunda ya leta yo gutanga ubufasha mu gihe k'icyorezo (PUA).

- 23. Ese abakozi b'ikigo k'ishuri bashobora guhabwa inkunga y'ingoboka igenerwa abatagikora mu gihe cy'amezi y'ibiruhuko byo mu mpeshyi?**

Igisubizo: Iyo umukozi w'ikigo k'ishuri yari asanzwe afite akazi akora mu biruhuko byo mu mpeshyi ariko ako kazi kakaba katagihari kubera Covid-19, uwo mukozi w'ikigo k'ishuri ashobora gufashwa mu rwego rwa Gahunda y'Inkunga y'Ingoboka Igenerwa Abatagikora kubera Icyorezo (PUA). Iyi gahunda y'inkunga y'ingoboka (UI) itangwa n'igihugu igenerwa umuntu wese utagererwa inkunga y'ingoboka ya UI itangwa na Leta atuyemo kandi uwo muntu akaba yarabuze akazi kubera impamvu zifitanye isano na Covid-19. Umukozi w'ikigo k'ishuri utari usanzwe afite akazi akora mu gihe k'ibiruhuko byo mu mpeshyi ntabwo aba yabuze akazi kubera Covid-19, bityo rero ntaba yemerewe inkunga y'ingoboka (UI). Amategeko ya Maine abuza abakozi b'ibigo by'amashuri gufata inkunga y'ingoboka (UI) mu gihe cy'amezi y'ibiruhuko byo mu mpeshyi. Gahunda y'Inkunga y'Ingoboka Igenerwa Abatagikora kubera Icyorezo (PUA) iterwa inkunga n'igihugu 100%, bityo rero inkunga yose itanzwe n'iyi gahunda ntabwo ikurwa mu misanzu y'ikigo k'ishuri.

IGIHE INKUNGA Y'INGOBOKA YA PUA IMARA

- 24. Igihe cyongerewe cyo guhabwa inkunga y'ingoboka itangwa mu rwego rwa Gahunda y'Inkunga y'Ingoboka Igenerwa Abatagikora kubera Icyorezo (PUA) kizarangira ryari?** Igihe cyongereweho cyo guhabwa inkunga y'ingoboka (kigera ku byumweru 39) mu rwego rwa Gahunda y'Inkunga y'Ingoboka Igenerwa Abatagikora kubera Icyorezo (PUA) igenerwa abakozi bagizweho ingaruka na COVID-19 kizageza ku cyumweru kirangirana na tariki ya 26 Ukuboza 2020. Hatangwa inkunga y'ingoboka wagombaga guhabwa mbere guhera tariki ya 15 Werurwe cyangwa guhera igihe ibikorwa byagiriweho ingaruka na COVID-19, hazarebwa igiheruka muri byombi. Igihe ari umuntu wikoreraga ku giti ke wagizweho ingaruka n'icyorezo mbere ya tariki 15 Werurwe, biba ngombwa ko yitabaza uwunganira ababuze akazi kugira ngo ubusabe bwe bushyirweho itariki ya mbere y'icyo gihe.

IBYANGOMBWA BY'UKO WIKORERA: Ntutange ibyangombwa kugeza ubimenyeshajwe.

- 25. Ni ibihe byangombwa ngomba gutanga ngaragaza ko nikorera?**

Kubera ko imishahara y'abantu bikorera idashyikirizwa ishami ribishinzwe, basabwa ibyangombwa by'amafaranga bakoreye. Ibigenwa muri PUA bitangira gutangwa mbere yo gusabwa ibi byangombwa, **ntutange ibyangombwa kuri uru rwego**. Ishami rimenyeshya mbere abantu bikorera igihe bazatangira ibyangombwa byabo, ibyo bagomba gutanga n' uburyo babitanga.

IBINDI

- 26. Amafaranga afashishwa abadafite akazi atangirwa imisoro?**

Yego. Iyo utanze dosiye yawe bwa mbere, uhitamo niba wifuza ko imisoro ya leta na Leta ya Amerika ikatwa. Harimo Gahunda ya Leta y'Amerika Ifasha Abadafite Akazi Bitewe n'Icyorezo (FPUC) itanga andi madorali 600 yiyongera ku byo abadafite akazi bagenerwa buri cyumweru, aboneka kugeza ku itariki ya 25 Nyakanga 2020. Mu mpera za 2020 uzahabwa 1099G hamwe n'amafaranga wahawe kubera kudakora kugira ngo ubishyire mu mpapuro z'imisoro.